| Ikinyarwanda I |
| --- |
| **014** |
| 03/11/ 2010 14.00-17.00 |

**RWANDA NATIONAL EXAMINATIONS COUNCIL**

**P. O. BOX 3817 KIGALI -TEL/FAX 586871**

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE 2010

**IKIZAMINI : IKINYARWANDA I**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA 3**

**AMABWIRIZA :**

- Ikizamini kigizwe n'ibice bine :
  Igice cya mbere: Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 38,5)**
  Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo **(amanota 44)**
  Igice cya gatatu: Imyandikire n'ubumenyi by'ururimi **(amanota 2,5)**
  Igice cya kane: Ihimbamwandiko **(amanota 15)**
- Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
- Subiza muri make utarondogoye.
- Amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo ntagire aho agaragara.
- Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyane cyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.

**UMWANDIKO : U Rwanda n'ubukerarugendo**

Dufite igihugu gito ariko cyiza cyane. Abakurambere bagize bati « Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera ». Iyo ubaye hanze ukagereranya u Rwanda n'ibihugu bikonja bikabije, bigirâ itumba rituma ibimera, inyamaswa, ibiguruka n'udusimba bibura ubuzima cyangwa n'ibigizwe n'ubutayu butamera ibiti n'ibyatsi, bitarangwamo amazi n'ubuhehere ni bwo wumva ko iwacu ari heza koko. Impeêshyi n'urugaryi ni byo bihe tugira ubushyuhe n'izuba ridakabije ugereranyije n'ibihe by'ibihugu bishyuha cyane. Na byo bikurura ba mukerarugendo.

Ubukerarugendo bwarahagurukiwe, ni imwe mu nkingi y'ingenzi mu iterambere n'ubukungu bw'igihugu cyacu. Nko mu mwaka wa 2009 bwinjije miliyoni 175 z'amadolari y'amanyamerika. Amarembo yaraguwe pe : ikibuga cy'indege mpuzamahanga cya Kanombe gihora ari nyabagendwa cyirangwa n'urujya n'uruza rw'abadusura. Ibya Kamembe, Rubavu na Musanze na byo ni uko ku ndege ntoya. Igiteganywa kubakwa mu Bugesera cyo cyizesa umuhigo. Dufite RwandAir yunganirwa na kompanyi y'Ababirigi, iya Etiyopiya, iya Kenya, iyo muri Afurika y'Epfo n'izindi... Izo zose zidukura mu bwigunge.

No ku bashatse kunyura iy'ubutaka, imipaka irafuunguuye ; imihanda yacu izira ibinogo, abadusura barisanga. Barasasirwa bakaryama, bakagaburirwa, bagashira n'inyota, bakamarwa amatsiko n'urukumbuzi byombi.

Dufite imisozi n'udusozi, utununga, ibibaya n'imirambi itarambirana. Ni yo iranga u Burasirazuba n'agace kanini k'Amajyepfo. Umutara wacu ushashe neza, umera ibiti n'uduti, ibyatsi birebire nk'umukenke, umwirika n'urucaca. Mukerarugendo asanga icyanya kigari cy'Akagera, ari na ko kabyarwa n'Akanyaru na Nyabarongo. Isoko yayo ya kure ni Rukarara, Mwogo na Mbirurume; amaherezo yayo ni Nili na Mediterane.

Azihera ijisho inyamaswa z'ubwoko bwinshi: zirimo impara n'imparage, inyemera n'inumba, ifumberi, isasu, isatura n'isirabo, imbogo rwarikamavubi, impongo n'ingeragere .... intare, umwami w'ishyamba, ingwe n'urusamagwe, impyisi mahuma n'isega. Yirebere intwiga inaga ijosi ikarisha mu bushorishori bw'ibiti, inzovu rubunga, inkura zigiye gukendera, inguge nk'ibitera, inkobe, inkende n'izindi.

Ibiyaga byaho bitunze abarobyi, habamo kandi imvubu n'ingona. Inyoni nk'imisambi, inyange, inyombya, agaca, kagoma, igishwi, isandi n'izindi na zo ni nyinshi. Zose tuzirinde rushimusi n'inkongi ya hato na hato.

Uwashimye ubushyitsi agashaka kurara Akagera Game Lodge iramwakira, akabona umwanya wo kwegera ibiyaga byaho nk'Ihema, Milindi,

Nasho, Hago, Rwanyakizinga, Kivumba na Cyambwe, kureba imigezi yaho nka Karangazi, Kamababa, Kagitumba n'Umuvumba.

Dufite imisozi n'udusozi mu Buganza bwa Muhazi, i Gisaka cy'i Migongo bazi gutona amabara amazu yabo kandi byarahitiriwe, icy'imirenge kirimo Mugesera na Sake. Uwo mushyitsi niyambukira mu Bugesera azahasanga Cyohoha zombi, Birira na Mirayi, anyure n'i NYAMATA yunamire abacu bazize jenoside y'abatutsi ya 1994.

Amayaga, Huye na Muhanga wirengagije ibisî na Ndiza na yo ni imisozi iciye bugufi. Kibeho ya NYARUGURU na yo ihuruza amahanga.

Imisozi miremire nyaburanga na yo turayifite mba mbaroga. Isunzu rya Kongo Nili riri mu Rutsiro. Izingiro ryayo ariko ni ibirunga hafi ya Uganda na Kongo. Ni igicumbi cy'ingagi zo mu misozi. Ni ho zisigaye ku isi yose. Iyo nguge ifatiye runini ubukungu bwacu, dore ko ishushanyije ku manoti. Dusigaye twihanukira kandi tuti "kanaka afashwe neza nk'icyana cy'ingagi". Ihuruza amahanga,abana bayo bakitwa izina uko umwaka utashye.

Aho mu majyaruguru azahasanga uruhererekane rw'ibirunga, byose ni umunani, ibyacu biba bitanu. Bidukingira umuyaga w'ishuheri, ishyamba ribitwikiriye n'ubutumburuke byabyo bikurura imvura, bikayungurura umwuka duhumeka. Bucura muri byo ni Muhabura (m4127), iyobora impabe zigataha i Rwanda. Hari Gahinga (m3474) na Sabyinyo (m3634); ibyo ishinyitse bifite inkomoko: abahanga bahamya ko ari cyo cyaboneye ibindi izuba, ni na cyo cyabirushije kwibasirwa n'isuurî. Bushokoro (m3711) bita Bisoke ni yo yirengereye ikiyaga kigari ku gasongero kayo. Karisimbi (m4507) ibisumba byose ihora yererana, ibuditse amasimbi n'ibicu by'urudaca. Bitinde bitebuke izaba isonga ry'itumanaho muri Afurika. Mikeno (m4437), Nyiragongo (m3470) imwe abasekuruza bacu baciraga kubamo abazimu babi bahora barwana bahanishijwe gushya, dore ko ihorana iseseme, ikavundereza Goma, na Nyamuragira ikayifasha. Ibyo uko ari bitatu bibarirwa i Kongo. Mbere y'uko agera ku Kivu uzamwereke Burera, Ruhondo, isumo, urugomero rwa Ntaruka na Mukungwa, ubuvumo bwa Musanze n'ibere rya Bigogwe. Azatembere i Kivu cyose, ave Rubavu mu Bugoyi, amanuke Karongi agere Rusizi. Umwereke ibirwa n'uturwa, inkoombe, imyâaro n'ibyambu, ingomero za Rusizi n'amasumo ya Mururu, aho ruhombokera rugana Tanganyika.

Dufite amashyamba cyimeza ni urukererezabagenzi. Ayo ni Cyamudongo na Nyungwe, ku w'inka rwagati, azahasanga inguge zirimo ibyondi, impundu n'inkima zikimbagira. Aho bukera abaherwe ba Dubayi bazayihindura paradizo. Ikibaya cya Bugarama kirahebuje, kigana amashyuza ya Nyakabuye, amazi ashyushye, avura indwara zitari nke z'imitsi, zirimo amavunane na rubagimpande. Na yo uzayasanga hafi y'iryo shyamba. Mukura na Gishwati na yo ni amashyamba cyimeza yari inzitane kera, agenda asatirwa n'abayakonda bakayahinga.

Abakerarugendo nibaze barisanga. Uretse ibyiza twarondoye, bakiranwa urugwiro, umutuzo n'umutekano usesuye.

- Dufite ibigo byazobereye gutegura ingendo mu gihugu.
- Amahoteri y'inzego zose arahari kuva kuri za Serena, 1000 Collines, Chez Lando, ... ukageza ku ayaciriritse.
- Amaresitora ateka neza iby'iwacu no mu mahanga n'amazu yo kwidagadura no kunyweramo arabategereje.
- Imodoka n'indege zo kubatembereza na zo zirahari.
- Aho banyura bigurira ibikoresho by'ubukorikori n'ibihangano bujyanye n'umuco wacu bibukiraho urugendo bakoze i Rwanda nk'uduseke, ingoma, amacumu atatse, ibihangano bikoze mu migwegwe, mu birere, ibibajije, ibitambaro bifumye cyangwa ibishushanyo.
- Amabanki n'amavunjiro abafasha kuvunja, kohereza no kwakira amafaranga arahari.
- Itumanaho iwacu ririzewe ntiribatenguha na rimwe.
- Ibigo n'amazu ndangamurage (Nyanza: Rukari na Rwesero, Butare, Nyarugenge) cyangwa ndangamateka (inzibutso nka Gisozi, Murambi, Bisesero, ...) na yo arahari.
- Intore, ababyinnyi n'abacuranzi bacu na bo bakereye kubakira. Bityo, nk'uko baca umugani ngo urugo ni urugendwa, tuvuge ngo "igihugu ni igisurwa". Mu rwego rw'Afurika y'u Burasirazuba twitegure kwamamara no kwinjiza akayabo k'amafaranga y'ubukerarugendo nka Kenya na Tanzaniya bimaze kubimenyera.

## IGICE CYA MBERE

### A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 24,5)

**N.B: Koresha amagambo yawe bwite. Kwandukura interuro z'umwandiko bifatwa nko gukopera.**

1. "Uwambaye ikirezi ntamenya uko cyera". Sobanura mu nteruro eshatu aho uwo mugani uhuriye n'umwandiko. **(amanota 2)**

2. Ingomero za Ntaruka na Rusizi zavuzwe mu mwandiko zimariye iki igihugu? **(inota 1)**

3. Andika amazina 4 y'ibirunga by'u Rwanda ubikurikiranye uko bisumbana. Bimaze iki mu bidukikije? Andika imimaro ine. **(amanota 4)**

4. Uhereye ku mwandiko, garagaza amazina y'ibiyaga bibiri biri mu majyaruguru n'ibindi bibiri biri mu Bugesera n'imigezi (inzuzi) ibisohokeramo. **(amanota 3)**

5. Rukarara, Mwogo, Mbirurume na Nyabarongo bihuriye he na Nili yo mu Misiri? **(inota 1)**

6. Ingagi zimariye iki igihugu cyacu? Umuhango wo kwita izina uwuziho iki? **(amanota 2)**

7. Uhereye ku mwandiko, tanga impamvu ebyiri zisobanura imiterere y'ikirunga cya Sabyinyo. Twarinda dute imisozi kumera ityo? Tanga ibisubizo bibiri. **(amanota 3)**

8. Nyiragongo izwiho iki? Abakurambere bemezaga iki kuri Nyiragongo no kuri Muhabura? **(inota 1,5)**

9. Kuki pariki zacu tugomba kuzirinda abantu babiri: rushimusi na rutwitsi? **(amanota 2)**

10. Kumenya indimi z'amahanga nk'icyongereza, igifaransa n'izindi bihuriye hehe n'ubukerarugendo? **(inota 1)**

11. Andika ibintu bine byorohereza ba mukerarugendo gutembera iwacu ubona mu mirongo 15 ya nyuma. **(amanota 4)**

**B. INYUNGURAMAGAMBO**

12. **Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko mu yawe bwite.** **(amanota 12)**

a) Kwagura amarembo
b) Inkôongi
c) Gushira urukumbuzi
d) Impeêshyi
e) Icyondi
f) Amashyuûza
g) Igicumbi
h) Kuba nyabagendwa (inzira)
i) Gufatwa nk'icyana cy'ingagi
j) Impabê
k) Ubuvumo
l) Gutenguha

13. **Andika impuzanyito z'aya magambo ziri mu mwandiko.** **(amanota 2)**

a) Umuhererezi
b) Umwami w'ishyamba
c) Bihehe
d) Rwarikamavubi

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO**

14. **Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo.** **(amanota 10)**

a) Dufite igihugu gito ariko cyiza cyane.
b) Urugo rwabo rurangwa n'urujya n'uruza rw'abashyitsi.
c) Azabona ifundi, inyange n'izindi nyoni nyinshi zo mu ishyamba.
d) Abanyarwanda bati "kugenda bitera kubona".
e) Ikibuga mpuzamahanga cya Kanombe cyakira indege za rutura.

15. **Garagaza intêgo y'amagambo aciyeho akarongo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.** **(amanota 11,5)**

a) Uwo murambi umera uduti tugororotse n'ibyatsi birebire.
b) Imigongo yaho ni imitako yitiriwe ako karere.
c) Ingenzi zaguze ibikoresho by'urwibutso rw'urugendo rwabo mu Rwanda.
d) Muri Nyungwe haba ibyondi, ibitera n'impundu.

16. **Andika ibicumbi by'amagambo aciyeho akarongo.** **(amanota 7)**

a) Impeêshyi twita icyî ni igihe gishyuha cyane.

b) Barasasirwa, bakarya, bakanywa.

c) Imyidagaduro n'ugutembera byinjiza amafaranga menshi.

17. **Garagaza inteko z'amazina, ibinyazina na ntera wongereho ngenga ku nshinga zitondaguye.** **(amanota 7)**

a) Impara n'imparage zirisha hamwe ubwatsi butoshye.

b) Dufite udusozi turyoheye ijisho, imbyino n'indirimbo zacu na zo ziryoheye ugutwi.

18. **UBUTINDE N'AMASAKU**

a) **Tandukanya amagambo yandikwa atya ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku ugabanya ibimenyetso.** **(amanota 6)**

- Inzuzi (z'ibihaaza n'ibicumâ) ≠ .............. (zitemba)
- Isasu (inyamaswa) ≠ .............. (barashisha imbunda)
- Guhishira (by'imbuto zeze) ≠ .............. (kutavuga amakosa y'umuntu)
- Umusare (wambutsa) ≠ .................. (imfunira, igikomere, inkovu)
- Gucanira (kumurikira) ≠ .................. (inkono cyangwa gukubita)
- Kuyaga (gushonga, gushashagira) ≠......... (kwifatanya n'uwapfushije)

b) **Garagaza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku kuri iyi nteruro.** **(amanota 2,5)**

Amashyamba cyimeza nka Cyamudongo, Nyungwe, Mukura, Gishwati akurura ba mukerarugendo.

**IGICE CYA GATATU: URURIMI N'IMYANDIKIRE**

19. **IMYANDIKIRE YEMEWE Y'IKINYARWANDA**

a) Andika amagambo ane (4) arimo igihekane /mbyw/ uyakoreshe mu nteruro enye ngufi. **(amanota 2)**

b) Ku giti cyawe kuki wiga Ikinyarwanda? Bikumariye iki? Bitangire ingingo ebyiri. **(igice cy'inota: 0,5)**

**IGICE CYA KANE: IHIMBAMWANDIKO** **(amanota 15)**

20. **Hitamo imwe muri izi nsanganyamatsiko ebyiri uyivanemo umwandiko urambuye utari munsi y'imirongo 25 n'amagambo 200 yose hamwe.**

- IGIHUGU NI IKIGENDWA.
- INGENDO, AMATEKA, AMAKOSA YACU, IBYAGEZWEHO N'ABANDI BISHOBORA KUTWIGISHA.

**Icyitonderwa:**

✓ Garagaza ingingo enye (4) ku nsanganyamatsiko wahisemo mbere yo kwanzura.

✓ Kirazira kwandika amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo.